



# IBYEREKEYE FIRST 4 ME

First4ME Portland ni umushinga w'icyitegererezo w'imyaka itatu, ugamije kwita no kwigisha abana bakivuka kugeza ku myaka 5.

Ufite intego enye z'ibenze:

Gutegura abana kujya mu mashuri y'incuke no kubafasha kuba abanyeshuri biga by'igihe kirekire

Gufasha abatanga serivisi zo kurera abana na gahunda zabo kugira ngo bite ku bana bakiri bato banabigishe mu buryo bufite ireme ryo hejuru

Gufasha abana kuguma aho barererwa hari ibyo bakenera no gufasha imiryango

Gufasha imiryango kugira imibereho myiza



# FIRST 4 ME

ABAFATANYABIKORWA BO MURI PORTLAND



The Opportunity  
Alliance

Every day, and in times of crisis, help starts [here](#).



UWO WAHAMAGARA

Katie Soucy

Umuyobozi Mukuru wa Starting Strong  
Portland ConnectED

Imeyiri: [ksoucy@portlandconnected.org](mailto:ksoucy@portlandconnected.org)  
Terefone: (651) 329-0306  
[WWW.PORTLANDSTARTINGSTRONG.ORG](http://WWW.PORTLANDSTARTINGSTRONG.ORG)

# FIRST 4 ME PORTLAND



Uburyo bushingiye ku muryango mugari bwo kunoza uko abana bato bitabwaho bakanahabwa uburezi bakiri bato mu buryo bufite ireme




# KUBERA IKI UGOMBA KUBYITABIRA?

- Uzahabwa amafaranga kubera kwitabira gahunda, ubushakashatsi, amahugurwa n'ibindi bikorwa bya First4ME
- Umwana wawe azahabwa ubufasha bwisumbuyeho asuzumwa indwara mu buryo buhoraho, ndetse anahabwe ibikoresho, anakore ibikorwa n'ibindi bimufasha kwitegura kujya mu ishuri ry'incuke
- Umwana wawe n'umuryango wawe bashobora guhabwa ubufasha bwerekanye n'amarangamutima n'imibanire butangwa n'umuganga mu by'ubuzima bwo mu mutwe ubifitiye uruhushya kugira ngo abafashe guhangana n'ibibazo bibakomereye
- Imiryango yahuguwe kugira ngo yite ku miryango yujuje ibisabwa:
  - Ifasha kumenya intego z'umuryango wawe no kugufasha kuzigeraho
  - Kuguhuza n'imiryango yakira abana n'amashuri
  - Kugufasha kumenya ahantu hatandukanye mu buryo bworoshye no kugufasha mu byerekanye n'amashuri abanziriza ay'incuke cyangwa amashuri y'incuke, ibigo by'ubuvazi n'abatanga serivisi z'ubufasha butangwa hakiri kare ndetse n'ibindi



## PORLAND NI HAMWE MU HANTU HANE IMISHINGA Y'ICYTEGEREREZO YA FIRST 4 ME IKORERA



Umushinga wa First4ME ukorera ahantu hane muri Leta ya Maine.

Turi gusaba imiryango kuwitabira kubera ko ari yo ibonekamo abarimu n'abarezi b'abana ba mbere kandi b'ingenzi.

Umushinga w'icyitegerererozo wa First4ME uzigira ku miryango n'abatanga serivisi zo kurera abana bakiri bato kugira ngo biwufasha kunoza ibyerekanye no kurera no kwigisha abana bakiri bato muri Portland no muri Leta ya Maine yose. Uyu ni umwanya ubonye wo gutanga ibitekerezo byawe, umuryango wawe witabiriye gahunda ukamatanga ibitekerezo bishobora gufasha mu gushyiraho uburyo bwo kurera no kwigisha abana bakiri bato mu gihe kizaza bwafasha wowe n'umwana wawe.

*Icyitonderwa: Niba utifusa kwitabira umushinga wa First4ME, wabimenyesha umuyobozi mukuru w'irerero ryita ku mwana wawe. Kuwitabira bikorwa ku bushake busesuye kandi ntawo bizagira ingaruka ku kwita cyangwa kwigisha umwana wawe muri gahunda iyo ari yo yose.*

